REPUBULIKA Y'U RWANDA

URUKIKO RWISUMBUYE RWA GASABO

REPUBLIQUE DU RWANDA
Au nom du Peuple Rwandais

**ICYEMEZO GITEGEKA UWIHISHE CYANGWA UWATOROTSE UBUTABERA KWITABA URUKIKO RWISUMBUYE RWA GASABO.**

Umwaka wa 2020 umunsi wa 07 ukwezi kwa Ukuboza;

Twebwe UMUBYEYI Francine, umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo, dufashjwe n'umwanditsi warwo NIYONGAMIJE Helene;

Tumaze kubona ko Ubushinjacyaha ku Rwego Rwisumbuye rwa Gasabo bwaregeye Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo, uwitwa **NIYIBIZI Fred** mwene BYARUHANGA Deo na CYIZA Immaculée, utuye Mudugudu wa Kampeka, Akagari ka Kampeka, Umurenge wa Kamabuye,Akarere ka Bugesera, Intara y'Iburasirazuba, ukurikiranwe nk'uwihishe ubutabera, akurikiranyweho **icyaha cyo kunyereza umutungo**,giteganywa kandi gihanishwa ingingo ya 10 y'Itegeko N°54/2018 ryo kuwa 13/08/2018 ryerekeye kurwanya ;

Tumaze kubona ko ikirego cy'Ubushinjacyaha gifite numero 01389/IPRLGASA/2019/FM/JMVH kigeze mu rukiko gihabwa n°RP/ECON 00072/2020/TGI/GSBO;

Tumaze kubona ko urubanza rwahawe itariki yo kuburanishwa yo ku wa 07/12/2020 saa mbiri za mu gitondo ariko **NIYIBIZI Fred** uregwa ntiyitabe Urukiko kuko yarezwe nk'uwihishe ubutabera;

Dushingiye ku ngingo ya 160 y'Itegeko n° 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha iteganya uko uwihishe cyangwa uwatorotse ubutabera ahamagazwa n'iy'ingingo ya 162 iteganya uko acirwa urubanza iyo atitabye;

Dutegetse **NIYIBIZI Fred** kwitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo kuwa **09/02/2021 saa mbiri za mugitodo**, kugira ngo aburane urubanza rwavuzwe aregwamo n'Ubushinjacyaha, natitaba hazemezwa ko yasuzuguye amategeko, acirwe urubanza adahari ;

Dutegetse ko iki cyemezo kimanikwa ahabigenewe ku Rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo no gutangazwa mu kinyamakuru **Imvaho nshya**.

**NIYONGAMIJE Helene**
**UMWANDITSI**

**UMUBYEYI Francine**
**UMUCAMANZA**

Copie certifié conforme à l'original
dont acte greffier Niyongamije Hélène